

IKIGANIRO KU IHOTERWA RIKORERWA BAMWE MU BANYESHURI BO MU MASHURI
Y'INCUKE, ABANZA N'AYISUMBUYE

I. INTANGIRIRO

Guverinoma y'u Rwanda ikora ibishoboka byose kugira ngo nibura uburezi bw'ibanze kandi bufite ireme bugere kuri buri munyarwanda.

N'ubwo ibyo byose bikorwa, hari bamwe mu baturarwanda bakomeje kubuza abana ayo mahirwe babakorera ihohoterwa mu buryo butandukanye. Akenshi ihohoterwa bakorerwa rituma bahagarika kwiga rimwe na rimwe rikabaviramo urupfu, ubumuga cyangwa guhungabana.

II. IMITERERE Y'IKIBAZO

Nk'uko bigaragazwa na raporo zitandukanye, abana bahohoterwa mu gihe bari ku ishuri ndetse na nyuma yaho iyo bari iwabo mu miryango batuyemo.

Ihohoterwa rikunze kubakorerwa riteye ku buryo bukurikira:

- ✓ Abana basambanywa n'abantu bakuru. Akenshi, ibyo bibaviramo kwishora mu mibonano mpuzabitsina igihe kitaragera, gutwita igihe kitaragera, kwishyingira igihe kitaragera, kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina harimo n'agakoko gatera SIDA, kuva mu ishuri n'ibindi. Urugero, muri uyu mwaka wa 2011, abana biga kuva mu mashuri abanza kugeza ku cyiciro rusange cy'ayisumbuye basambanye, abafashwe ku ngufu bikabaviramo gutwara inda bagera kuri 624. Abo ni abashoboye kumenyekana kuko hari n'ibikorwa bikagirwa ibanga.
- ✓ Abana bahabwa ibihano bibabaza umubiri harimo gukubitwa n'ibindi.
- ✓ Abana birukanwa ku ishuri ngo ntibatanze agahimbazamusyi k'abarimu cyangwa andi mafaranga bakwa ku ishuri kandi bizwi ko kwiga ari ubuntu mu mashuri y'uburezi bw'ibanze.
- ✓ Ababyeyi basibya abana ku ishuri ndetse n'abaribakuramo kugira ngo bakore imirimo yo mu rugo.
- ✓ Abana bimwa ibikoresho by'ishuri n'ababyeyi babo.
- ✓ Abana badakurikiranwa mu burezi bwabo. Ibyo bigatuma bishora mu biyobyabwenge (urumogi n'ibindi), mu busambanyi, ubujura n'urugomo, ubunembwe butuma bashaka kubona ibyo batakoreye.
- ✓ Abana batotezwa haba mu ngo cyangwa ku ishuri

III. ICYAKORWA

Kugira ngo ihohoterwa rikorerwa abana ricike burundu ni ngombwa ko inzego zitandukanye zikorera hamwe kandi buri rwego rugatunganya neza ibyo rusabwa.

1. Ababyeyi

- ✓ Kurushaho kwita ku burere bw'abana babo, barushaho gukurikirana imyitwarire yabo ya buri muni;
- ✓ **Gushakira abana** ibikoresho by'ishuri;
- ✓ Kutabasibya ku ishuri cyangwa ngo baribakuremo.
- ✓ Guharanira ko babona ifunguro rya buri muni, imyenda yo kwambara n'ibindi mu rwego rwo kubarinda irari.
- ✓ Kugirana ibiganiro nabo kenshi mu rwego rwo kubigisha kutagwa mu bishuko by'abashaka kubasambanya cyangwa kubashora mu zindi ngeso mbi. Ibyo biganirwa byabafasha kugira ikinyabupfura;
- ✓ Kurushaho gukorana n'ubuyobozi bw'amashuri abana babo bigaho mu rwego rwo kudaha icyuho abashaka kubashora mu ngeso mbi.

2. Abarezi ku ishuri

- ✓ Guca burundu ibihano bibabaza umubiri wabo.
- ✓ kutabirukanira amafaranga y'ishuri cyane ko ataribo baba bemeye kuyatanga.
- ✓ Kutagira uruhare mu kubatoza ingeso mbi nko kubasambanya n'ibindi.
- ✓ Kubahora hafi bakabatega amatwi kandi bakabagira inama.
- ✓ Gukurikiranira hafi imyitwarire yabo mu gihe bari ku ishuri.
- ✓ Gukorana n'inzego zitanga ubujyanama nka polisi y'Igihugu, abanyamadini, imiryango n'amashyirahamwe biharanira uburenganzira bw'abana, birwanya ihohoterwa bikanatanga ubujyanama ku bahungabanye.

3. Abanyeshuri

- ✓ Kutanywa ibiyobyabwenge;
- ✓ Kugira umuco wo gukora no kutararikira kubona ibyo batakoreye.
- ✓ Kugira uruhare mu kunoza umuco n'imyifatire myiza mu burezi muri rusange (kurwanya SIDA, ubusambanyi, ubusinzi, ibiyobyabwenge, n'ibindi).

4. Inzego z'ibanze

- ✓ Gukomeza gushishikariza ababyeyi kujyana abana ku ishuri, kutabasibya ku ishuri cyangwa ngo baribakuremo.
- ✓ Gushishikariza abayobozi b'amashuri kutirukanira abana amafaranga y'ishuri.
- ✓ Gukurikiranira hafi imikorere n'imyitwarire y'abayobozi b'amashuri, iy'abarimu n'iy'abanyeshuri hagamijwe gukumira imico mibi yagaragara hakiri kare.

IV. UMWANZURO

Ni ngombwa ko inzego zitandukanye zirushaho gukorera hamwe mu guhashya ihohoterwa rikorerwa abana. Abana bakwiye gutozwa kwihesha agaciro kuva bakiri bato; aha twavugaga kugira: ikinyabupfura, kwiyubaha no guharanira kuzagira ejo hazaza heza baharanira uburenganzira bwabo kandi bubaha ubw'abandi.